# DUSOBANUKIRWE UMUSORO W'UBUKERARUGENDO KU ICUMBI



## INTANGIRIRO

Itegeko **nº 015/2025** ryo ku wa **27/05/2025** rishyiraho umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi;

**"icumbi"** bivuga serivisi yo gutanga icyumba, ahantu ho kuryama cyangwa ho kuruhukira.

Igipimo cy'umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi ni **3%** by'amafaranga yishyuwe ku icumbi hatabariwemo umusoro ku nyongeragaciro.

## INSHINGANO Z'IKIGO GITANGA ICUMBI KU BIJYANYE N'UMUSORO W'UBUKERARUGENDO KU ICUMBI

1. kwiyandikisha ku musoro w'ubukerarugendo ku icumbi
2. kwishyuza umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi;
3. Kumenyekanisha no kwishyura umusoro mu minsi 15 ya buri kwezi
4. Gutanga inyemezabuguzi ya EBM igaragaraho umusoro wa 3% w'ubukerarugendo ku icumbi

## IGIHE UMUSORO W'UBUKERARUGENDO KU ICUMBI UTANGIRA KUBARWA;

Umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi utangira kubarwa ku munsi ubwishyu bw'icumbi bwakiriweho

Iri tegeko ritangira gukurikizwa guhera ku wa **01 Nyakanga 2025** bivuzeko kuri iyi tariki aribwo umusoro w'ubukerarugendo ku icumbi watangiye gucibwa.

### Icyitonderwa

1. Inyandiko zikubiye muri izi nyigisho ntizisimbura itegeko kuberako zikozwe mu buryo bworoshya imvugo no korohereza abasoma izi nyigisho.
2. Ukeneye inyito zo mu itegeko n'ibisobanuro birambuye wasoma itegeko rikurikira:
   **https://www.rra.gov.rw/fileadmin/user_upload/Law_on_Tourism_May_2025.pdf**

3004 @rrainfo Rwanda Revenue Authority Rwanda Revenue — HERE FOR YOU TO SERVE — RRA